# IBISUBIZO KU KIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2016

## IGICE I: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

1) Abaturage b'igihugu bagomba gusora kuko imisoro ifasha igihugu : kubaka ibikorwa remezo, guhemba abakozi ,...
2) Icyo ugomba kuzakora ugikora hakiri kare. Bivuze ngo niba ugomba gusora ntutegereje kuzabihatirwa ; ibwirize ubikorane ubushake.
3) Ikôro ryari rigizwe n'ibiribwa n'ibinyobwa, rigahabwa umwami n'abatware naho umusoro wo utangwa mu mafaranga kandi ukagenerwa igihugu.
4) Ubwoko 2 bw'imisoro yadukanywe n'ababirigi ni :
   - Umusoro w'umubiri
   - Umusoro w'inka

   Ubwoko 2 bw'âmahooro ni :

   - Amahooro ku mirimo leta idukorera
   - Amahoro ku bicuruzwa
5) Ikigo gishinzwe Imisoro n'Amahooro cyashimwe ku wa 8 ugushyingo 1997. Cyahawe inshingano zo kurwanya ubucuruzi bwa magendu no gukumira ibicuruzwa bitemewe n'amategeko.
6) Bicibwa amahooro y'ikirenga kubera ko bitari mu bikenewe n'abantu benshi ahubwo bitwara amafaranga atari ngombwa bikagira ingaruka ku bukungu bw'igihugu.
7) Umuntu wese ukorera umushahara yunganira leta atanga umusoro kuri uwo mushahara. Muri urwo rwego, umukoresha we agomba kwitwararika kumukata uwo musoro mu gihe cyo kumuhemba.
8) Iyo dufuungûra muri resitora cangwa tunywa ku binyobwa mvaruganda, amafaranga twishyura akatwaho umusoro ujya mu isanduku ya leta akazifashishwa mu mirimo inyuranye ifitiye igihugu akamaro.
9) Ibicuruzwa byinjira n'ibisohoka bisabwa gusora. Ubucuruzi bwa magendu budindiza ubukungu bw'igihugu kuko budatanga imisoro n'amahoro. Ni ukuvuga ko bwinjiza budasohora.

10) Iyo miryango yombi ni imiryango y'ubuhahirane hagati y'ibihugu by'akarere u Rwanda ruherereyemo, bityo iyo duhashye dutangayo umusoro; baduhahira na bo bakadusorera. => Imisoro itangwa mu Rwanda iduha ubushobozi bwo guhahirana n'ibihugu biyigize.

11) Ibyo byaje bituna umugabo ni umusoro n'ikiboko. Kuko bahatirwaga kubitanga kandi nta mikoro, bigatuma batorongera

12) Umunsi mpuzamahanga w'usora ugamije guha agaciro usora n'igikorwa ubwacyo. Ni n'umwanya mwiza wo gukomeza gushishikariza usora kubikora abikunze.

## B. INYUNGURAMAGAMBO

13) (a) **Ikoro ry'umuheto** : ni ituro - ibyo kurya no kunywa ryakusanyizwaga gutanga abari ku rugamba.

(b) **Amahooro** : Ingano y'amafaranga yishyurwa ku byacurujwe hadategerejwe igihe kirekire.

(c) **"Akeza karigura"** : Ikintu kiza ni cyo kigenera igiciro kigikwiye; si ngombwa kucyamamaza.

(d) **"Uhenzwe n'isoko atonganya inzira"** iyo umuntu agize ikibazo agerageza gushakira impamvu n'aho zituturutse.

(e) **Rujigo** : - Inyito : ushinzwe kugenzura ibicuruzwa byinjira n'ibisohoka kuri Gasutamo.

- Inkomoko : umubirigi wahoraga ajinyitse ikijigo (= inkono y'itabi) kandi akora kuri gasutamo.

(f) **Gahuru** : umuntu uhora wihishe kubera gutinya kugerwaho n'ingaruka z' ibyo atatunganyije.

(g) **Gusonerwa imisoro** : guhabwa uburenganzira bwo kudatanga imisoro wasabwaga gutanga .

(h) **Ibirarane** : imisoro itarishyuriwe kugihe cyari giteganyijwe

(i) **Gutera umuntu ingabo mu bitugu** : kumufasha/kumutabara

(j) **Gusubira ku isuka** : gukena wari ukize

(k) **Gukoma umutu mu nkokora** : kumuca intege umubuza kugera ku ntego

(l) Gasutamo : umupaka , icyambu (ikiraro)

(m) Ubukoôde : amafarnga atagwa ngo umuntu ahabwe uburengazira bwo gukoresha inzu cyangwa ubutaka.

(n) Itemê : inzira ica hejuru y'umugezi cyangwa y'umuhora

(o) Gutanga ibya kayizari : kwishyura imisoro.

## C. IMPUZANYITO

14. (a) Imbibi : imipaka
    (b) Kurigisa (imisoro): kunyereza
    (c) Kugirira akamaro kenshi : gufatira runini
    (d) Umusanzu: ihooro
15. (a) Gutabara # guterarana
    (b) Guhoomba # kunguka
    (c) Kwinziza (ibicuruzwa) # Gusohora
    (d) Kuyoboka (ubutegetsi) # kwigomeka
    (e) Gukumira (ruswa) # kwakira
    (f) Kwiyubakira # kwisenyera (igihugu)

## IGICE CYA II : IKIBONEZAMVUGO

16. Ubwoko bw'amagambo+inteko/ngenga.
    (a) **ba** : kzn ngenera;kera : ingera y'igihe;nt.2
    **Bejeje** : ng.3 bw'inshinga itondaguye
    (b) **Nta**: impakanyi
    **Cyane**:ingera y'uburyo
    (c) **n'**:icyungo
    **Kubaka**:inshinga iri mu mbundo,nt.15
    (d) **ibindi** :kzn ndafutura,nt.8
17. Intêgo n'amategeko y'igenamajwi

(a) **dukunze**: tu- ø-kund –ye t ⟶ d/-GR

**Ibyiza** : i – bi – iza i ⟶ y /- GR

**Dukesha** : tu – ø – ke – sh – a ⟶ d /-GR

(b) **bo** : ba – o a ⟶ ø /- J

**Batwibutsa** : ba - ø - tu ibuk - y – a

u ⟶ w /- J

k + y ⟶ ts

(c) **imbaraga** : i - n – baraga n ⟶ m /- b

**amikoro** : a – ma – i – kor – o a ⟶ ø /- J

(d) **ubwubatsi** : u – bu – ubuk – yi u ⟶ w /- J

k + y ⟶ ts

18. UBUTINDE BW'IMIGEMO N'AMASAKU

(a) (i) amahooro ≠ amahôro

(ii) ikoro ≠ ikôro

(iii) amasooko ≠ amasokô

(iv) ikiboôko ≠ ikibôko

(v) amahugu ≠ amahûgu

(vi) kûubika ≠ kubîika

(vii) koongeera ≠ koongera

(b) Amahooro ku biriîbwa n'îbinyobwa byîibâanze nk'âmatâ n'înyama akwiiye kubâ adâkaangânye.

IGICE CYA GATATU

19. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IMYANDIKIRE

(a) - Umugani mugufi udufasha kuvuga byinshi dukoresheje amagambo make.

- Umugani mugufi udufasha kuvuga tudakoresheje imvugo yatuye.
- Umugani mugufi udufasha kwigisha abantu tutarondogoye.

(b)(i) Abatayishyurira igihe bahombywa n'imisoro yiyongereyeho ibirarane

(ii) Umwana ubereye nyirarume aba ari umwishywa wawe

(iii) Inswa ziguruka ku matara igihe cy'imvura nyinshi

(iv) Uranjwa Rujigo ntakugabanyiriza amahooro, yubahiriza itegeko uko ryakabaye.

(v) Imyenda igomba kumeswa tukirinda kuyishwanyaguza.

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO

20. (a) - Kwitabira ibikorwa rusange (umuganda,....)
- Kwitabira inama no gutanga ibitekerezo byubaka
- Kwigisha abatazi gusoma no kwandika
- Kwihangira umurimo
- Kwisungana n'abandi mu mashyirahamwe.

(b) - Abanyarwanda bibohoreje igihugu ku ngoyi y;ubutegetsi bubi
- Abanyarwanda bishakamo igisubizo bishakamo igice kinini k'ingengo y'imari ya buri mwaka.
- Abanyarwanda bishyiriyeho ikigega cyo kwihesha agaciro aho buri wese ashyiramo inkunga uko abishoboye.
- Abanyarwanda bagerageza kugabanya ibiheruka hanze mu rwego rwo kuharwa n'ibyo bikorera.
- U Rwanda rugabanya umubare w'abakozi baturuka hanze rwongera amashuri yigisha ababasimbura b'Abanyarwanda.